REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kicukiro, kuwa 09/11/2012

Réf. N° 020 ......./07.0103/Njy/2012

VILLE DE KIGALI
Secrétariat Central
Date de Réception: 08/11/2012
Signature: ............

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO

Bwana Umuyobozi w'Umujyi
wa Kigali
KIGALI

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 03/11/2012

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 03/11/2012.

Iyo myanzuro murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.

Mugire amahoro.

**TWAGIRAYEZU Innocent**
Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka
KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
  **KICUKIRO**

8/11/12

MINALOC
Pour réception
Date 08 NOV 2012
Signature.........

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 03/11/2012**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 03/11/2012 iyoborwa na Visi Perezida w'Inama Njyanama Bwana TWAGIRAYEZU Innocent. Inama yatangiye saa tatu n'iminota mirongo ine n'umunani (9 :48) isoza imirimo yayo saa moya n'iminota cumi n'ibiri (19h12).

Abajyanama bitabiriye inama bari 19/21.

| N° | AMAZINA | ICYO AKORA | E-MAIL ADRESS | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | TWAGIRAYEZU Innocent | V/Perezida | twagirainn @yahoo.fr | 0788300595 |
| 2 | UWAMARIYA Annet | Umunyamabanga | wannet@yahoo.com | 0788763800 |
| 3 | INGABIRE Laetitia | Umujyanama | ingabirel2002@yahoo.ca | 0788359187 |
| 4 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | Karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 5 | KAZENGA Diogène | Umujyanama | kazengadio@yahoo.fr | 0788306960 |
| 6 | KARIGIRWA Agnès | Umujyanama | agnes.karigirwa@gmail.com | 0788508081 |
| 7 | MBONIGABA François | Umujyanama | mbonifr@gmail.com | 0788410598 |
| 8 | MUKAMANZI B. Betty | Umujyanama | basingabetty@yahoo.com | 0788524793 |
| 9 | MUKAMA Wellars | Umujyanama | wmukama@yahoo.com | 0788442757 |
| 10 | KAYIRANGWA Anita Marie Dominique | Umujyanama | kanita.md@gmail.com | 0788301008 |
| 11 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788572974 |
| 12 | MURENZI Dieudonné | Umujyanama | nzidieu2002@yahoo.fr | 0785041578 |
| 13 | MURORUNKWERE Nassira | Umujyanama | namimy2006 @yahoo.fr | 0788735823 |
| 14 | NDAMAGE Paul Jules | Umujyanama | ndamagepauljules @yahoo.fr | 0788525548 |
| 15 | NKUBANA Dismas | Umujyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 16 | UMUHOZA Ange | Umujyanama | hozange8 @yahoo.fr | 0788517701 |
| 17 | UMUHOZA Rose Marie Diane | Umujyanama | Mamiane2@yahoo.fr | 0788435105 |
| 18 | KAMALI Fulgence | Umujyanama | kamalifulgence@yahoo.fr | 0788510202 |
| 19 | BIZUMUREMYI Gakwandi | Umujyanama | bizouga2001@yahoo.fr | 0788529623 |

**Abasibye inama bafite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dr NYIRAHABIMANA Jeanne | Perezida wa Njyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788512107 |
| 2 | UWAYISABA Florence | Umujyanama | uwayisabaf@yahoo.fr | 0788354659 |

Umuyobozi w'inama yatangije inama asomera abajyanama ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa , hemezwa ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 14/07/2012 n'igisubizo cy'Umujyi wa Kigali.
2. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro n'imihigo ya 2012-2013.
3. Imyanzuro y'inama ya Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi yateranye kuwa 18/10/2012

4. Kwemeza:
   - Ibiciro by'imisoro 2012-2013
   - Igenagaciro rishya ry'isoko rya Kicukiro
   - Kwemeza umushinga wa Kanombe Commercial Union Ltd
   - Kwemeza abagize komisiyo y'imitungo itagira bene yo
   - Kwemeza urutonde rw'imitungo itagira beneyo
   - Kwemeza konji z'abagize Komite Nyobozi z'Umwaka wa 2012
   - Kwemeza igihe Inteko y'Akarere izajya ibera

5. Raporo:
   - Komisiyo z'Inama Njyanama
   - Komite y'ubugenzuzi mu Karere
   - Akanama gashinzwe kujonjora abakozi
6. Recrutement y'Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Nyarugunga
7. Imyanzuro y'inama y'ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere
8. Itangwa ry'ibibanza byo guturamo mu karere ka Kicukiro
9. Ibintu n'ibindi

## I. GUSOMA NO KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YO KUWA 14/07/2012 N'IGISUBIZO CY'UMUJYI WA KIGALI

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 069/11/12:**
Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 14/07/2012 imaze gukorerwa ubugororangingo, icyemezo gitorwa n'abajyanama 17/17 bari mu cyumba cy'inama.

Hasomwe n'ibaruwa y'Umujyi wa Kigali n° 2753/07.01.06/12 yo kuwa 26/05/2012 yasubizaga imyanzuro y'inama isanzwe yo kuwa 14/07/2012, aho Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali ashimira Inama Njyanama imyanzuro yafashe ndetse agasaba no kuyishyira mu bikorwa ariko agasaba no kwita kuri ibi bikurikira:

- Ku mwanzuro wa 049/07/12, Abakozi Inama Njyanama yemeje kwongera mu mbonerahamwe y'imirimo nk'imyanya mishya, yibutsa ko bigomba guherekezwa no kugaragaza inshingano za buri mwanya (job description); Inama Njyanama yasanze zitaranozwa isaba Umuyobozi w'Akarere ko byihutishwa.

- Ku mwanzuro wa 051/07/12, ku mwanya wari wemejweho umukozi ushinzwe uburezi mu Karere aho Umuyobozi w'Umujyi yasabye ko hubahirizwa Iteka rya Perezida n° 46/01 ryo kuwa 29/07/2011 rigena uburyo bwo gushaka no gushyira mu myanya abakozi bakora mu nzego z'imirimo ya Leta ; Inama Njyanama yasanze byarakosowe, Umwanya w'ushinzwe uburezi mu karere warashyizwe ku isoko hamwe n'indi myanya ikenewe.

- Nk'uko Umuyobozi w'Umujyi yari yibukije ko mu gukemura ibibazo bishingiye ku butaka hajya hifashishwa Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere; Inama Njyanama yasanze ibibazo bya NSABIMANA Philbert na RUGAMBWA Charlotte byaragejejwe muri Komisiyo y'ubutaka mu Karere.

## II. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO N'IMIHIGO YA 2012-2013

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 070/11/12:**

a. Inama njyanama yasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama yo kuwa 14/07/2012, isanga ku myanzuro 22 hari imyanzuro 6 itarashyirwa mu bikorwa, Inama Njyanama isaba Komite nyobozi kwihutishwa ishyirwa mu bikorwa ry'iyo myanzuro.

b. Inama Njyanama yagaragarijwe aho imihigo 2012-2013 igeze ishyirwa mu bikorwa yemeza iyo raporo ariko isaba ko ibitaragerwaho ku buryo bushimishije hakongerwamo ingufu.

## III. IMYANZURO Y'INAMA YA BIRO NA KOMITE NYOBOZI YO KUWA 18/10/2012

Umuyobozi w'inama yamenyesheje abari mu nama ko tariki ya 18/10/2012 Biro y'inama Njyanama y'Akarere na Komite Nyobozi bateranye mu nama, imyanzuro yafatiwe muri iyo nama ikoherezwa mu Mujyi wa Kigali. Mu ibaruwa n° 3995/07.01.06/12 yo kuwa 30/10/2012 Umuyobozi w'Umujyi yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amushimira anamusaba ko ibyavugiwe muri iyo nama bigezwa ku nama ya vuba y'Inama Njyanama kugirango ibisuzume ibyemeze. Yakomeje asomera abajyanama imyanzuro y'iyo nama ya biro na komite nyobozi.

### *3.1. Gusoma inyandikomvugo y'inama yo kuwa yahuje Biro na Komite Nyobozi kuwa 13/08/2012*

Abari mu nama bakoze ubugororangingo ku nyandikomvugo y'inama *yahuje Biro na Komite Nyobozi* yo kuwa 13/08/2012 mu buryo bukurikira:

- Abari mu nama bemejeko hakwihutishwa gutanga isoko ry'igenagaciro ku kibanza cya Kicukiro Centre.
- Abari mu nama bemeje ko uzahabwa isoko ari uzazana offre financier itari munsi ya miliyari enye (4.000.000.000frw) kandi afite offre technique nziza,
- Hemejwe ko Umujyi wa Kigali numara gutanga ibisabwa ku myanya (job profile) z'abakozi ba One Stop Center aribwo gushaka abakozi ba One Stop Center bizigwa mu Inama Njyanama.
- Hibukijwe ko inyandiko zose zizajya zishyirwaho paraphe.

### *3.2. Ikibanza cy'Akarere kiri Nyarugunga cyasabwe na Société Petrolière (S.P.)*

Abari mu nama basobanuriwe ko Umujyi wa Kigali wandikiye Societe Petrolière uyimenyesha site zashyirwaho station harimo n'ikibanza no 615 kiri mu murenge wa Nyarugunga akagari ka Rwimbogo, bamenyeshwa kandi ko **S.P.** yandikiye Akarere isaba ko icyo kibanza cyakwandikwa mu mazina yayo Akarere kakabasubiza ko bakwandika basaba ikibanza, **S.P.** ikaba yaranditse igisaba;

Abari mu nama bamaze kubona ko Société Petrolière yanditse isaba ikibanza N°615 Nyarugunga-Rwimbogo, bamaze kubona ko master plan iteganya ko aho hantu hazajya za stations hemejwe ko icyo kibanza bagihabwa.

### *3.3. Iyubakwa ry'isoko rya KIGARAMA*

Abari mu nama basobanuriwe ko Akarere gashaka kubaka isoko rya kijyambere mu murenge wa Kigarama. Nyuma yo kungurana ibitekerezo abari mu nama bafashe umwanzuro ukurikira:

- Hemejwe ko isoko rya Kigarama ryubakwa ku buryo bwa Public Private Partnership (PPP)
- Hemejwe ko Komite Nyobozi n'abatekinisiye bakwiga uburyo bwo gushaka abafatanya bikorwa mu ishoramari mu bizakorwa bakazana umushinga mu InamaNjyanama

### *3.4. Imyanzuro y'inama y'Abaperezida*

Perezida w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko habaye inama y'abaperezida b'amakomisiyo igafata imyanzuro ikurikira:

- Inama y'abaperezida yasabye ko Komite Nyobozi yakoresha **umuganda** mu bibanza biri Kagarama kwa Rujugiro, abari mu nama bemeje ko umuganda wo kuwa 27/10/2012 uzakorerwa muri ibyo bibanza hagatumirwamo Ingabo na Polisi
- **Icyumwerucy'abajyanama:** inama y'abaperezida yasabye komisiyo y'iterambere ry'ubukungu ko bategura umunsi mu Ugushyingo bakanategura inyigisho ku misoro zizatangwa.
- **Inteko y'Akarere:** Inama y'abaperezida yasabye ko Inteko y'Akarere yajya iba buri mwaka, abari mu nama basabye ko muri revision budgetaire bizashyirwamo inteko y'Akarere ikazaba nyuma ya revision budgetaire
- **Gusonera imisoro abatishoboye:** Hemejwe ko Komisiyo y'ubuyobozi, politiki n'amategeko yatumiza BURASANZWE Osuald akabasobanurira amategeko y'imisoro hanyuma bakazatumiza Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali mu Inama Njyanama.

- **Urubuga rw'itumanaho rw'Akarere:** Inama y'abaperezida yemeje ko ibikorwa by'Inama Njyanama byajya bishyirwa ku rubuga cyane igihe habaye Inama Njyanama.
- **Komisiyo y'imitungo itagira beneyo**: Inama y'abaperezida yemeje ko abajyanama MUKAMANZI Betty na MURORUNKWERE Nassira bazajya muri komisiyo y'imitungo itagira bene yo; isaba ko Komite Nyobozi nayo itanga abandi batatu, bose bakazemezwa n'Inama Njyanama basaba kandi hakwihutishwa kubarura imitungo itagira bene yo nk'uko byari byasabwe.
- Abari mu nama bemeje ko mbere yo gusoma inyandikomvugo y'InamaNjyanama hajya habanza kugaragaza imyanzuro yashyizwe mu bikorwa n'aho imihigo igeze.

### *3.5. Ibibazo by'abaturage byashyikirijwe Inama Njyanama*

Perezida w'InamaNjyanama yagaragaje ko hari abaturage banditse basaba kurenganurwa: Hemejwe ko byoherezwa muri komisiyo yo kurwanya akarengane.
**Ku kibazo cya MUNYANSHONGORE** abari mu nama bemejeko One Stop Center y'Akarere izajya gutera bornes ikagabanya Kamarade n'umwana wa Munyanshongore.

**Ku kibazo cya RTUC:** Hemejwe ko Komite Nyobozi izahuza abaturage na RTUC bakumvikana ko yabagurira ubutaka bwabo akongera ikibanza cy'ishuri.

**Amabaruwa yandikiwe abakozi:** hemejwe ko abakozi bahawe kopi y'umushinga wo kwirukanwa , abatarasubije bakwandikirwa basabwa gusubiza, naho umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagari ka Kagasa yasubizwa mu kazi mu gihe hagitegerejwe umwanzuro wa Polisi kuko Akarere kasanze arengana.

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 071/11/12:**
Inama Njyanama yemeje imyanzuro y'inama ya Biro y'inama Njyanama na Komite Nyobozi yo kuwa 18/10/2012 ariko bagaruka ku ngingo ivuga ku *isoko rya Kigarama, ikibanza cy'Akarere n° 615 kiri mu Murenge wa Nyarugunga.*

### a) IYUBAKWA RY'ISOKO RYA KIGARAMA

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 072/11/12:**

- Inama Njyanama yemeje ko isoko rya KIGARAMA ryubakwa ku buryo bwa Public Private Partnership (PPP), Akarere kakazashaka umugenagaciro wo kubara agaciro k'ikibanza gisanzweho isoko rya KIGARAMA kugirango hamenyekane umugabane w'Akarere mu nyubako y'isoko rya kijyambere ry'abafatanyabikorwa.

- Inama Njyanama yasabye komite nyobozi kwihutisha gushaka abafatanyabikorwa babyifuza no gukora ubukangurambaga mu baturage bose babishaka kugirango igikorwa cyo kubaka isoko gikorwe vuba kuko ari umuhigo wa 2012-2013.

- Inama Njyanama yashyizeho Komite izakurikirana gahunda ya PPP kugirango hatazagira abaturage bayihezwamo,cyangwa hakagira ikibagirana. Iyo komite igizwe na Vice Mayor ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Umujyanama KAZENGA Diogène, Umujyanama NKUBANA Dismas, Umujyanama Ingabire Laetitia n'Umujyanama KARANGWA Cassien.

### b) IKIBANZA CY'AKARERE N° 615 KIRI MU MURENGE WA NYARUGUNGA

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 073/11/12:**

Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cy'Akarere n° 615 kiri mu murenge wa Nyarugunga gihawe Société Petrolière kuko yamaze kwishyura agaciro k'ubwo butaka, ikanemererwa ikibanza . Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko ubutaha, abazajya basaba Ubutaka bw'Akarere bazajya bishyura ari uko dosiye yabo yemejwe n'Inama Njyanama.

## IV. KWEMEZA:

### a. IBICIRO BY'IMISORO 2012-2013

Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku nama Njyanama umushinga ushyiraho amabwiriza y'inama Njyanama agenga imisoro n'amahoro ku mirimo ikorerwa abaturage mu karere ka Kicukiro. Ayo mabwiriza akaba ajyanye na:

1. umusoro ku ipatanti,
2. umusoro ku mazu akodeshwa
3. umusoro ku umutungo utimukanwa
4. amahôro y'isuku yakwa ku mazu y'ubucuruzi
5. amahôro asabwa ku mirimo yo mu masoko yubakiye n'atubakiye buri kwezi;
6. amahôro yakwa kuri serivisi zitangwa mu buyobozi;
7. amahôro yakwa kuri parking
8. amahôro atangwa ku byapa, iminara na banderole byamamaza;
9. ubukode busabwa abakodesha ubutaka
10. Amahôro yakwa abacuruza za kariyeri n'abazitwara
11. Abasonewe kwishyura
12. Uburyo bwo gusoresha, kugenzura n'ububasha bwo kwibutsa,
13. Igihe ntarengwa cyo gutanga amahoro ataganyijwe ,
14. Ibihano kubatubahiriza amabwiriza,
15. Ivanwaho z'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza ,
16. aho amabwiriza yubahirizwa,
17. igihe amabwiriza atangira gukurikizwa.

AU

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 074/11/12:**
Inama Njyanama yemeje amabwiriza y'Inama Njyanama y'Akarere ka KICUKIRO agena imisoro n'amahoro ku mirimo ikorerwa abaturage mu Karere ka KICUKIRO mu cyemezo cy'Inama Njyanama n° 074/12 cyo kuwa 03/11/2012 kigena ibipimo by'imisoro n'amahöro y'umwaka wa 2012/2013. Icyo cyemezo kiri ku mugereka w'iyi myanzuro.

### b. IGENAGACIRO RISHYA RY'ISOKO RYA KICUKIRO

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 075/11/12:**
Inama Njyanama yemeje igenagaciro rishya ry'isoko rya KICUKIRO CENTRE riri mu kibanza 320 kiri mu Kagari ka Kicukiro Umurenge wa Kicukiro , Akarere ka Kicukiro nk'uko ryakozwe n'umugenagakiro C&K Consultant muri uku kwezi k'Ugushyingo . Iryo genagaciro rikaba ringana na miliyoni magana atatu na mirongo cyenda n'eshanu, ibihumbi magana atatu mirongo cyenda n'umunani n'amafaranga ijana na mirongo itandatu na rimwe (395,398,161 frw).

### c. KWEMEZA UMUSHINGA WA KANOMBE COMMERCIAL UNION LTD

Nk'uko byari byemejwe n'inama yo kuwa 14/07/2012 ko **Kanombe Commercial Union Ltd** imenyeshwa agaciro k'ikibanza kiri KABEZA bashaka kubakamo ihahiro rya kijyambere kandi bakageza ku nama Njyanama igishushanyo cy'inyubako bashaka kuhashyira , Umuyobozi w'iyo company yatumiwe mu nama Njyanama yo kuwa 03/11/2012 asobanurira abajyanama umushinga wabo anabamenyesha ko bamaze kwishyira hamwe ari 70 kandi umugabane shingiro wa buri munyamuryango ukaba umaze kugera kuri miliyoni ebyiri na magana atanu (2,500,000Frw) . Yamenyesheje Inama njyanama ko n'abantu bakwishyirahamwe bakagera kuri uwo mugabane bakwakirwa kimwe n'uwundi wese washaka kuba umunyamuryango yatanga umugabane bagezeho.

Yagaragarije inama Njyanama ko nyuma yo kumenyeshwa agaciro k'ubwo butaka bahise bayishyura , akaba yifuza ko Inama njyanama yabubegurira kugirango batangire gahunda yo kuzuza ibisabwa mu nzego zibishinzwe kugirango bahabwe ibyangombwa byo kubaka.

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 076/11/12:**
Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cy'Akarere ka Kicukiro kiri mu Kagari ka KABEZA, Umurenge wa Kanombe mu Karere ka KICUKIRO cyeguriwe KANOMBE COMMERCIAL UNION Ltd. kuko yishyuye agaciro kacyo kugirango ishobore kucyubakamo ihahiro rya kijyambere nyuma yo kubiherwa uburenganzira n'inzego zibishinzwe.

KANOMBE COMMERCIAL UNION Ltd. yemeye kwakira abandi baturage bakwifuza kwinjira mu ishyirahamwe ryabo mu gihe batanze nabo umugabane shingiro bagezeho, cyane cyane abahoze bacururiza aho bashaka kubaka.

## d. KWEMEZA ABAGIZE KOMISIYO Y'IMITUNGO ITAGIRA BENE YO

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 077/11/12:**
Hashingiwe ku itegeko n° 28/2004 ryo kuwa 03/12/2004 ryerekeye imicungire y'imitungo itagira beneyo , Inama Njyanama yemeje abagize komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo ku buryo bukurikira:

| N° | AMAZINA | ICYO ASANZWE AKORA MU KARERE | TELEFONE |
|---|---|---|---|
| 1 | MUKAMANZI B. Betty | Umujyanama mu Karere ka Kicukiro | 0788524793 |
| 2 | MURORUNKWERE Nassira | Umujyanama mu Karere ka Kicukiro | 0788735823 |
| 3 | TWAGIRAYEZU Bonaventure | Perezida wa Komisiyo y'ubutaka mu | 0788505551 |
| 4 | NKUSI Fabien | Ushinzwe Umutekano mu karere | 0788532425 |
| 5 | MURENZI Donatien | Umunyamabanga Nshingwabikorwa / umurenge wa Kanombe | 0788359799 |

## e. KWEMEZA URUTONDE RW'IMITUNGO ITAGIRA BENEYO

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 078/11/12:**
Inama njyanama yasabye ko abagize komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo kunoza urutonde rw'imitungo itagira bene yo mbere y'uko rwemezwa n'Inama Njyanama mu nama yayo itaha.

## f. KWEMEZA KONJI Z'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Z'UMWAKA WA 2012

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 079/11/12:**
Inama Njyanama yemeje konji z'abagize komite nyobozi z'umwaka wa 2012 ku buryo bukurikira:

| N° | UFATA KONJI | IGIHE AZAFATIRA KONJI |
|---|---|---|
| 1 | Umuyobozi w'Akarere | a) Kuva kuwa 15/07/2013 kugeza kuwa 29/07/2013<br>b) Kuva kuwa 16/12/2013 kugeza kuwa 30/12/2013 |
| 2 | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu | c) Kuva kuwa 10/12/2012 kugeza kuwa 24/12/2012<br>d) Kuva kuwa 19/08/2013 kugeza kuwa 02/09/2013 |
| 3 | Umuyobozi w'Akarereushinzwe Imibereho Myiza | e) Kuva kuwa 07/01/2013 kugeza kuwa 21/01/2013<br>f) Kuva kuwa 09/09/2013 kugeza kuwa 23/09/2013 |

## g. KWEMEZA IGIHE INTEKO Y'AKARERE IZAJYA IBERA

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 080/11/12:**

Inama Njyanama yemeje ko inteko y'Akarere izaba uyu mwaka tariki ya 10/11/2012 , mu yindi myaka inteko y'Akarere ikazajya iterana ku cyumweru cya 3 cy'ukwezi kwa Nyakanga.

## V. RAPORO:

### A. KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU

Umuyobozi wa Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku nama njyanama raporo y'inama yabo yo kuwa 13/09/2012 yasuzumye ibipimo by'imisoro by'Umwaka wa 2012/2013.

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 081/11/12**
Inama Njyanama yemeje raporo ya komisiyo y'iterambere ry'ubukungu yo kuwa 13/09/2012, isaba ko hashyirwa imbaraga mu kwishyuza ibirarane by'imisoro n'amahôro.

### B. KOMISIYO Y'UBUYOBOZI, POLITIKE N'AMATEGEKO

Umuyobozi wa Komisiyo y'ubuyobozi, politike n'amategeko yagejeje ku nama Njyanama Itegeko n° 17/2002 ryo kuwa 10/05/2002 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'Uturere n'Imijyi kandi rigena imikoreshereze yabyo nk'uko ryahinduwe kandi ryuzuzwa n'itegeko n° 33/203 ryo kuwa 06/09/2002. Yagaragarije Inama Njyanama ingingo ya 9 ivuga ko *"Abatishoboye basonerwa umusoro ku mutungo utimukanwa byemejwe n'Inama Njyanama";* Komisiyo y'ubuyobozi, politike n'amategeko ikaba isaba Inama Njyanama ko yasonera abatishoboye hakurikijwe itegeko ariko n'imisoro igatangwa.

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 082/11/12**
Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo y'iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage inoza urutonde rw'abasabye gusonerwa babikwiye hakurikijwe ibyiciro by'ubudehe babarurirwamo kugirango Inama Njyanama izafate umwanzuro.

### C. KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UMUGORE, URUBYIRUKO, UMUCO, SIPORO N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Komisiyo y'iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage yagejeje ku nama njyanama raporo ku mikemurire y'ikibazo cya Nakure

Venantie no ku isura bakoreye inyubako y'ikigo nderabuzima cya Gatenga n'inyubako ya farumasi y'Akarere.

**a) Ikibazo cya Nakure Venantie**

Nakure Venantie wahoze ari Umwalimu iMasaka (igihe Masaka yabarizwaga muri Kigali Ngali), yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko atabonye ibirarane byamubariwe ma mwaka wa 2006.

Komisiyo ishinzwe imibereho myiza y'abaturage mu nama yabo yo kuwa 17/08/2012 yakurikiranye ibijyanye n'amafaranga y'ibirarane by'abarimu byabazwe muri 2006 isanga koko yaroherejwe kuri konti y'Akarere ka Kicukiro aherekejwe n'urutonde rw'abarimu yari agenewe , byoherezwa na Mayor w'Akarere ka Gasabo nk'uko bigaragazwa n'ibaruwa n° 1165/07.0102/06 yo kuwa 07/09/2006. Abagize komisiyo sociale basanze ntaho agaragara ku ma listi y'abagombaga guhabwa ibirarane asabwa ko yabanza gukurikirana impamvu atashyizwe kuri liste. Yashimiye komisiyo kuba yamufashije gusobanukirwa impamvu atabonye ibirarane bye kuko koko nta mafaranga yari guhabwa kandi ntaho agaragara.

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 083/11/12:** Inama Njyanama yemeje raporo .

**b) Inyubako y'ikigo nderabuzima cya Gatenga na Farumasi y'Akarere**

Tariki ya 27/10/2012 abagize komisiyo y'imibereho myiza basuye inyubako y'ikigo nderabuzima cya Gatenga n'iya Farumasi y'Akarere basanga imirimo igenda neza ku buryo mu mezi 2 imirimo yose yaba irangiye. Bagaragaje ko farumasi yo inyubako yarangiye ariko ibyumba byo gukoreramo bikaba ari bito cyane.

**Umwanzuro w'Inama njyanama n° 083/11/12:** Inama Njyanama yemeje raporo ya Komisiyo y'iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage.

## D. KOMISIYO YO KURWANYA AKARENGANE

Komisiyo yo kurwanya akarengane yize ku nyandiko Komisiyo yashyikirijwe z'abantu bandikiye Inama Njyanama basaba ko yabarenganura: NGENDAHAYO Welisa Liliane na Me SHEMA G. Charles

**a) Ikibazo cya** NGENDAHAYO Welisa Liliane

NGENDAHAYO Welisa Liliane yahawe ikibanza igihe cy'isaranganya ry'ubutaka, asaranganywa mu isambu ya NYIRAGAKWAVU Patricie.

Ku mugereka w'ibaruwa yanditse hariho inyandiko zinyuranye z'uburyo iki kibazo cyagiye gikemurwa, ibaruwa yanyuma akaba ari yo ubuyobozi bw'Akarere bwamwandikiye bumwegurira burundu icyo kibanza.

Mu byangombwa afite harimo icyangombwa cy'ubutaka cy'agateganyo cyatanzwe na land center. Avuga ko icya burundu ku kagali bakimwimye ari na cyo kibazo nyamukuru afite kandi kwa Nyiragakwavu bo bakaba barakibonye. Bivugako land center yatanze ibyangombwa bibiri kuri icyo kibanza.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo komisiyo yafashe imyanzuro ikurikira:

- Guhamagara abafitanye ikibazo bombi bitwaje ibyangombwa bafite by'icyo kibanza tugahurira nabo kubiro by'akagali, kugira ngo turebe ibyangombwa byashingiweho mu gutanga ibyo byemezo bibiri kandi tumenye n'icyatumye akagali kimana icyo cyemezo NGENDAHAYO Liliane avuga ko kiri ku biro by'akagali.
- Kwandika ibaruwa ishinganisha icyo kibanza mu nzego z'ibanze kugirango hatagira ukigurisha hakazazamo undi muntu wagatatu ikibazo kitarakemuka

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 083/11/12:**

- Ku kibazo cya NGENDAHAYO WELISA Liliane, Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo bagasanga Nyiragakwavu yarahawe ikibanza akaza kukigurisha kandi ibaruwa n° 0292/16.03/RNRA/04 yo kuwa 22/08/2012 yandikiwe Umuyobozi w'Akarere mu gika cyayo cya 4 handitse " mbandikiye mbasaba gushyira mu bikorwa icyemezo mwafashe NGENDAHAYO agahabwa icyo kibanza na Nyiragakwavu agasabwa gusubiza amasezerano y'ubukode burambye yari yarahawe kugirango ahindurwe yandikwe mu mazina ya Ngendahayo Liliane ".

Inama Njyanama yemeje ko ikibanza ari icya Ngengahayo Liliane, yemeje ko ahabwa ibyangombwa bye byafatiriwe mu Kagari agakomeza kubaka.

**b) Ikibazo cya GIRUBUNTU EDUCATION CENTER ihagarariwe na Me Shema G. Charles**

GIRUBUNTU Education Center yandikiwe n'Akarere kuwa 18/09/2012, ibasaba gutanga inyubako za Brooks New mark, uyu mwaka w'amashuri ukirangira iyo nyubako igahabwa UMUBANO ORGANIZATION yitegura gutangiza ishuri ribanza muri Mutarama 2013.

Abagize komisiyo bamaze kurebera hamwe iki kibazo bifuje ko cyazigirwa mu nama y'Inama Njyanama kugirango hamenyekane impamvu Girubuntu Education Center yambuwe iyo nyubako bityo hafatwe umwanzuro.

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 084/11/12:**

Umuyobozi w'Akarere amaze gusobanurira abajyanama ikibazo cy'uburiganya bwabaye kuri ubwo butaka bwaguzwe na **BROOKS NEW MARK,** Inama Njyanama yemeje ko GIRUBUNTU asubiza ubutaka bwa **BROOKS NEW MARK.**

### E. RAPORO YA KOMITE Y'UBUGENZUZI MU KARERE

Komite y'ubugenzuzi mu Karere yagejeje ku nama Njyanama raporo yakozwe kuri raporo z'ubugenzuzi bwakozwe n'Umujyi wa Kigali, Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta n'ubugenzuzi bwakorewe ishuri rya MBURABUTURO riri mu murenge wa Kigarama.

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 085/11/12:**

Inama Njyanama yemeje raporo ya Komite y'ubugenzuzi mu Karere ka Kicukiro n'inama bagiye ariko isaba komite y'ubugenzuzi kuzanoza iyo raporo bongeramo colonne igaragaza icyo uwagenzuwe abivugaho. Iyo raporo murayisanga ku mugereka.

### F. RAPORO Y'AKANAMA GASHINZWE KUJONJORA ABAKOZI

Umuyobozi w'akanama gashinzwe kujonjora abakozi yasobanuye ko imyanya yari ikenewemo abakozi mu karere yashyizwe ku isoko, abasabye akazi bakaba bagera ku bihumbi cumi na bitanu, bakaba bateganya gukora inama ari uko byarangije kwandikwa mu mashini.

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 086/11/12:**
Inama Njyanama yasabye akanama gashinzwe kujonjora abakozi kwihutisha ijonjora.

## VI. GUSHAKA UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA CYA NYARUGUNGA

Inama Njyanama yagaragarijwe ko ikigo nderabuzima cya Nyarugunga gikeneye byihutirwa Umuyobozi kuko uwakiyoboraga yasezeye kandi na comptable akaba yarasezeye.

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 087/11/12:**
Inama njyanama yemeje ko hashakwa umukozi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ariko hakaba hashatswwe umuyobozi w'agateganyo mu gihe ipiganwa ritararangira.

## VII. IMYANZURO Y'INAMA Y'UBUTEGETSI YA FARUMASI

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 088/11/12:**
Inama Njyanama yemeje imyanzuro y'Inama y'Ubutegetsi ya farumasi yo kuwa 24/08/2012 n'iyo kuwa 19/10/2012. Inama Njyanama yasabye ko bitewe n'umucungamari wa pharmacie wasezeye atunguranye ko hakorwa igenzura (audit) mu buryo bwihuse.

Ku bijyanye no gushaka umucungamari ufite A0, Inama njyanama yemeje ko uzabona amanota ya kabiri mu ipiganwa riteganyijwe mu karere, azasabwa kujya gukorera muri farumasi.

## VIII. ITANGWA RY'IBIBANZA BYO GUTURAMO MU KARERE KA KICUKIRO

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama ko itegeko n° 10/2006 ryo kuwa 03/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali mu ngingo yaryo y'176 igika cya 15° iha umuyobozi w'Akarere uburenganzira bwo gutanga ibibanza ariko ubu ikigo gishinzwe umutungo kamere mu Rwanda ( RNRA) kikaba, mbere yo guha ibyangombwa uwahawe ubutaka n'Akarere gisaba ko habanza kugaragazwa umwanzuro w'Inama Njyanama. Umuyobozi w'Akarere akaba yasabaga Inama Njyanama kugifataho umwanzuro kugirango abaturage bahawe ikibanza n'Umuyobozi w'Akarere bahabwe ibyangombwa na "RNRA" nta mananiza.

Umujyanama yagaragaje ko hari iteka rya Minisitiri n° 001/2008 ryo kuwa 01/04/2008 rigena ibyubahirizwa n'ibikurikizwa mu gukodesha ubutaka mu ngingo ya 7 ivuga ko "itangwa ry'ubutaka bwite bw'Akarere ryemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku nama yagiriwe na Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere".

**Umwanzuro w'Inama Njyanama n° 088./11/12:**
Bashingiye ku itegeko no ku iteka byavuzwe haruguru, abajyanama bunguranye ibitekerezo bemeza ibi bikurikira:

a) Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi w'Akarere azajya ageza ku nama Njyanama liste y'abasabye ibibanza Akarere kugira ngo byemezwe mu nama y'Inama njyanama.
b) Ku bibanza byamaze gutangwa n'Umuyobozi w'Akarere ubu ababihawe bakaba batabona ibyangombwa kubera ko nta mwanzuro w'Inama Njyanama , yasabwe kugeza liste yabyo ku nama njyanama ya vuba kugirango ibyemeze.

## IX. IBINTU N'IBINDI

- Havuzwe kuri serivisi yo kwa Noteri itari nziza, Umuyobozi w'Akarere ushizwe Ubukungu azakurikirana imikorere yo mu biro byo kwa Noteri kuri serivisi ihabwa abaturage.

- Havuzwe kuri serivisi mbi ihabwa abagana ibitaro bya Masaka, Inama Njyanama isaba ko komisiyo ishinzwe imibereho myiza izasura ibyo bitaro kandi na Vice Mayor ushinzwe imibereho myiza akabikurikirana.

- Hasabwe ko Lap Top z'abajyanama zihutishwa.

Umuyobozi w'inama yashoje inama ashimira abayitabiriye.

**Umwanditsi w'inama**
UWAMARIYA Annet

**Umuyobozi w'inama**
TWAGIRAYEZU Innocent